

Ibirimo/Summary/Sommaire

page/urup.

A. Amateka ya Minisitiri w'Intebe/Prime Minister's Orders/Arrêtés du Premier Ministre

N°21/03 ryo kuwa 05/03/2012

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rigena ububasha, imiterere, n'imikorere by'Urwego Ngenzuramikorere rwa za Zone Zihariye mu by'Ubukungu mu Rwanda.....3

N°21/03 of 05/03/2012

Prime Minister's Order determining the powers, organisation and functioning of the Rwanda Special Economic Zones Authority.....3

N°21/03 du 05/03/2012

Arrêté du Premier Ministre déterminant la compétence, l'organisation et le fonctionnement de l'Office de régulation des zones économiques spéciales du Rwanda.....3

N°22/03 ryo kuwa 05/03/2012

Iteka rya Minisitiri w'Intebe ryemerera Umuyobozi w'Ishami rishinzwe kurwanya akarengane, ruswa n'ibyaha biyishamikiyeho mu Rwego rw'Umuvunyi guhagarika akazi mu gihe kitazwi.....18

N° 22/03 of 05/03/2012

Prime Minister's Order granting a leave of absence for non specific period to the Director of Fight Against Injustice, Corruption and related malpractices in the Office of the Ombudsman.....18

N° 22/03 du 05/03/2012

Arrêté du Premier Ministre portant mise en disponibilité du Directeur de Lutte contre l'Injustice, la Corruption et les infractions connexes au sein des services de l'Ombudsman.....18

B. Amateka ya Minisitiri/Ministerial Orders/Arrêtés Ministériels

N° 12/2012 ryo kuwa 20/02/2012

Iteka rya Minisitiri rishyiraho urutonde rw'ibitemewe ahantu hihariye mu by'ubukungu mu Rwanda.....22

N° 12/2012 of 20/02/2012

Ministerial Order determining negative list for special economic zones in Rwanda.....22

N° 12/2012 du 20/02/2012

Arrêté Ministériel déterminant la liste négative pour les zones économiques spéciales au Rwanda.....22

N°13/2012 ryo kuwa 20/02/2012

Iteka rya Minisitiri rishyiraho amafaranga y'icyemezo gihabwa abubaka n'abacunga ahantu hihariye mu by'ubukungu mu Rwanda.....30

N°13/2012 of 20/02/2012

Ministerial Order determining licence fees for Special Economic Developers/operators in Rwanda.....30

N°13/2012 du 20/02/2012

Arrêté Ministériel déterminant les frais de licence par les promoteurs et exploitants des zones spéciales économiques.....30

C. Amabwiriza/Instructions/Instructions

N°001/MINICT/2012 yo kuwa 12/03/2012

Amabwiriza ya Minisitiri yerekeranye n'itangwa ry'amasoko y'ibikoresho na serivisi by'ikoranabuhanga mu itumanaho bigurwa n'inzego za Leta.....34

N°001/MINICT/2012 of 12/03/2012

Ministerial Instructions related to the procurement of information and communications technology goods and services by Rwanda public institutions.....34

N°001/MINICT/2012 du 12/03/2012

Instructions Ministérielles relatives à l'approvisionnement en équipements et services relatifs aux technologies de l'information et de la communication par les institutions publiques.....34

ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE
N°21/03 RYO KUWA 05/03/2012 RIGENA
UBUBASHA, IMITERERE,
N'IMIKORERE BY'URWEGO
NGENZURAMIKORERE RWA ZA
ZONE ZIHARIYE MU BY'UBUKUNGU
MU RWANDA

PRIME MINISTER`S ORDER N°21/03
OF 05/03/2012 DETERMINING THE
POWERS, ORGANISATION AND
FUNCTIONING OF THE RWANDA
SPECIAL ECONOMIC ZONES
AUTHORITY

ARRETE DU PREMIER MINISTRE
N°21/03 DU 05/03/2012 DETERMINANT
LA COMPETENCE, L'ORGANISATION
ET LE FONCTIONNEMENT DE
L'OFFICE DE REGULATION DES
ZONES ECONOMIQUES SPECIALES
DU RWANDA

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL
PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS
GENERALES

Ingingo ya mbere: Ikigamijwe n'iri Teka

Article One: Purpose of this Order

Article premier : Objet du présent arrêté

Ingingo ya 2: Amagambo yakoreshejwe

Article 2: Meaning of terms

Article 2 : Signification des termes

Ingingo ya 3: Urwego rurebera SEZAR

Article 3: Supervising authority of
SEZAR

Article 3 : Autorité de tutelle

UMUTWE WA II: UBUBASHA BWA
SEZAR

CHAPTER II: POWERS OF THE
SEZAR.

CHAPITRE II: COMPETENCE DU
SEZAR

Ingingo ya 4: Ububasha bwerekeye
ubuyobozi bwa SEZAR

Article 4: Administrative powers of
SEZAR

Article 4 : Pouvoirs administratifs et
attributions du SEZAR

UMUTWE WA III: IMITERERE, N'IMIKORERE BYA SEZAR

CHAPTER III : ORGANIZATION AND FUNCTIONING OF THE SEZAR

CHAPITRE III : ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DE SEZAR

Ingingo ya 5: Imiterere rusange ya SEZAR

Article 5: Organization, Management and Supervision of SEZAR

Article 5: Organisation, gestion et supervision du SEZAR

Ingingo ya 6: Inama y'Ubuyobozi ya SEZAR

Article 6 : Board of Directors

Article 6 : Conseil d'Administration

Ingingo ya 7: Abagize Inama y'Ubutegetsi

Article 7: Members of Board of Directors

Article 7: Membres du Conseil d'Administration

Ingingo ya 8: Inshingano z'Inamay'Ubuyobozi ya SEZAR

Article 8: Responsibilities of the board of directors of the SEZAR

Article 8: Responsabilités du Conseil d'administration du SEZAR

Ingingo ya 9: Umuyobozi wa SEZAR

Article 9: Director of SEZAR

Article 9 : Directeur de SEZAR

Ingingo ya 10: Inshingano zihariye z'Umuyobozi

Article 10: Specific responsibilities of the Director

Article 10: Attributions spécifiques du Directeur

UMUTWE WA IV: INGINGO Y'INZIBACYUHO N'IZISOZA

CHAPTER IV: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS

CHAPITRE IV : DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES

Ingingo ya 11: Urwego rureberera SEZAR

Article 11: SEZAR supervisory body

Article 11 : Organe de supervision du SEZAR

Ingingo ya 12 : Inzego zishinzwe ishyirwa mu bikorwa ry'iri Teka

Article 12: Authorities responsible for the implementation of this Order

Article 12 : Autorités responsables de la mise en exécution du présent arrêté

Ingingo ya 13: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Article 13: Repealing provision

Article 13 : Disposition abrogatoire

Ingingo ya 14: Igihe iri teka ritangirira gukurizwa

Article 14: Commencement

Article 14 : Entrée en vigueur

ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N°21/03 RYO KUWA 05/03/2012 RIGENA UBUBASHA, IMITERERE, N'IMIKORERE BY'URWEGO NGENZURAMIKORERE RWA ZA ZONE ZIHARIYE MU BY'UBUKUNGU MU RWANDA

Minisitiri w'Intebe,

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavugururwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 118, iya 119, iya 121 n'ya 201;

Ashingiye ku Itegeko Ngenga n° 06/2009 ryo kuwa 21/12/2009 rishyiraho amategeko rusange yerekeye Ibigo bya Leta;

Ashingiye ku Itegeko n° 05/2011 ryo kuwa 21/03/2011 rigenga Ahantu Hihariye mu by'Ubukungu cyane cyane mu ngingo yaryo ya 13;

Inama y'Abaminisitiri yateranye kuwa 07/11/2011 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

Bisabwe na Minisitiri w'Ubucuruzi n'Inganda;

PRIME MINISTER'S ORDER N°21/03 OF 05/03/2012 DETERMINING THE POWERS, ORGANISATION AND FUNCTIONING OF THE RWANDA SPECIAL ECONOMIC ZONES AUTHORITY

The Prime Minister,

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 118, 119, 121 and 201;

Pursuant to Organic Law n° 06/2009 of 21/12/2009 establishing general provisions governing Public Institutions;

Pursuant to Law n° 05/2011 of 21/03/2011 regulating Special Economic Zones in Rwanda, especially in Article 13;

After consideration and adoption by the Cabinet in its session of 07/11/2011;

Upon proposal by the Minister of Trade and Industry;

ARRETE DU PREMIER MINISTRE N°21/03 DU 05/03/2012 DETERMINANT LA COMPETENCE, L'ORGANISATION ET LE FONCTIONNEMENT DE L'OFFICE DE REGULATION DES ZONES ECONOMIQUES SPECIALES DU RWANDA

Le Premier Ministre,

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour spécialement en ses articles 118, 119, 121 et 201 ;

Vu la Loi Organique n° 06/2009 du 21/12/2009 portant dispositions générales applicables aux établissements publics telle que modifiée et complétée à ce jour ;

Vu la Loi n° 05/2011 du 21/03/2011 réglementant les zones économiques spéciales au Rwanda, spécialement en son article 13 ;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres en sa séance du 07/11/2011 ;

Sur proposition du Ministre du Commerce et de l'Industrie ;

ATEGETSE:

HEREBY ORDER:

ARRETE :

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE**

**CHAPTER ONE: GENERAL
PROVISIONS**

**CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS
GENERALES**

Ingingo ya mbere: Ikigamijwe n'iri Teka

Article One: Purpose of this Order

Article premier : Objet du présent Arrêté

Iri Teka rishyiraho imiterere, ububasha n'imikorere y'Urwego Ngenzuramikorere rw'imirimo ikorerwa ahantu hihariye mu by'ubukungu mu Rwanda rwitwa "SEZAR" mu ngingo zikurikira: SEZAR.

This Order determines the powers, organisation and the functioning of the Special Economic Zones Authority of Rwanda, hereinafter referred to as the "SEZAR."

Le présent arrêté détermine la compétence l'organisation et le fonctionnement de l'Office de Régulation des Zones Economiques Spéciales au Rwanda, ci-après dénommée « SEZAR ».

Ingingo ya 2: Amagambo yakoreshejwe

Article 2: Meaning of terms

Article 2 : Signification des termes

Amagambo akoreshwa muri iri teka afite ibisobanuro bimwe n'ibiri mu Itegeko n° 05/2011 ryo kuwa 21/03/2011 rigenga Ahantu Hihariye mu by'Ubukungu.

Terms used in this Order shall have the same meanings as in the Law n° 05/2011 of 21/03/2011 regulating Special Economic Zones in Rwanda.

Les termes non autrement définis dans le présent arrêté ont la même signification que dans la Loi n° 05/2011 du 21/03/2011 réglementant les zones économiques spéciales au Rwanda.

Ingingo ya 3: Urwego rurebera SEZAR

**Article 3: Supervising authority of
SEZAR**

Article 3 : Autorité de tutelle

Minisiteri ifite ubucuruzi mu nshingano zayo niyo rireberera SEZAR.

The Ministry in charge of trade shall be the supervising authority of the SEZAR.

Le Ministère ayant le commerce dans ses attributions est l'organe de tutelle de SEZAR.

UMUTWE WA II: UBUBASHA BWA SEZAR

Ingingo ya 4: Ububasha bwerekeye ubuyobozi bwa SEZAR

Mu rwego rwo kugera ku ntego zayo, SEZAR igira ububasha bukurikira:

- 1° Gushyira mu bikorwa ingingo z’itegeko rya za zone;
- 2° Gutanga inama mu gutegura politiki y’igihugu yerekeye Zone zihariye mu by’ubukungu ibanza kwemezwa n’Inama y’Abaminisitiri, no guha inama buri gihe Leta y’u Rwanda mu byerekeye gushyiraho, guteza imbere, gucunga no gutunganya Zone zihariye mu by’ubukungu mu gihugu;
- 3° Gusuzuma no kwiga isaba ry’impushya ku bubaka Zone zihariye mu by’ubukungu, ku bazicunga no ku Bakoreramo hashingiwe ku bikurikizwa n’ibisabwa n’amabwiriza, no gutanga, kwanga, guhagarika no gukuraho ibyemezo byose nk’ibyo aho

CHAPTER II: POWERS OF THE SEZAR

Article 4: Administrative Powers of SEZAR

For the purpose of achieving its objectives SEZAR shall have the following powers:

- 1° To enforce the provisions of the social economic Zone Law;
- 2° To advise in the formulation of the national strategic policy for Special Economic Zones subject to the approval of the Cabinet, and to provide continuous advice to the Government of Rwanda concerning the establishment, development, operation, and maintenance of Special Economic Zones in the country;
- 3° To examine and process applications for Licenses for Developers, Operators and Users of a Special Economic Zone in accordance with the procedures and requirements of the Regulations, and issue, reject,

CHAPITRE II: COMPETENCE DE SEZAR

Article 4: Pouvoirs administratifs et attributions du SEZAR

En vue de réaliser ses objectifs le SEZAR a les pouvoirs suivants:

- 1° Mettre en exécution les dispositions de la loi sur les zones économiques spéciales ;
- 2° Donner conseil en matière de la formulation de la stratégie et politique nationales pour les zones économiques spéciales devant être approuvées par le Conseil des Ministres et donner des conseils permanents au Gouvernement du Rwanda en rapport avec la mise sur pied, le développement, le fonctionnement et la maintenance des zones économiques spéciales dans le pays;
- 3° Examiner et étudier les demandes de licences pour les promoteurs, les exploitants et utilisateurs d’une zone économique spéciale selon les règlements et émettre, rejeter, suspendre ou révoquer de telles licences toutes les fois qu’il s’avère

Official Gazette n°11bis of 12/03/2012

- n'igihe byaba ngombwa;
- 4° Gutanga serivisi zerekeye ubuyobozi ku bubaka za Zone zihariye mu by'ubukungu, ku bazicunga no ku bazikoreramo nk'uko bigenwa n'amabwiriza;
- 5° Kubuza no gushyiraho inzitizi ku bikorwa muri za Zone zihariye mu by'ubukungu hakurikijwe amategeko abigenga;
- 6° Gushyiraho amabwiriza, kugenzura no gukurikirana imirimo ikorerwa muri Zone zose zihariye mu by'ubukungu no kureba ko ibikorwaremezo bijyana na Zone zihariye mu by'ubukungu byubahiriza amabwiriza;
- 7° Gushyiraho ubwoko bw'ibyemezo bikoreshwa muri Zone zihariye mu by'ubukungu n'amafaranga yerekeye ibyemezo binyuze mu mabwiriza;
- 8° Gushyiraho ibigenderwaho by'inyongera ku bakwemererwa gukorera muri Zone zihariye mu by'ubukungu aho biri ngombwa binyuze mu mabwiriza;
- suspend, and revoke all such Licenses as and when necessary;
- 4° To provide administrative services to the Developers, Operators and Users of Special Economic Zones as determined by the Regulations;
- 5° To prohibit or restrict activities in the Special Economic Zones according to the relevant laws;
- 6° To regulate, supervise, and monitor all Special Economic Zones and to ensure that the provision of infrastructure to the Special Economic Zones is in conformity with the Regulations;
- 7° To determine the type of Licenses applicable in the special economic Zones and fees through the Regulations;
- 8° To determine additional criteria for the selection of eligible special economic Zone Users where applicable through the Regulations;
- nécessaire;
- 4° Donner des services d'ordre administratif aux promoteurs, exploitants et utilisateurs d'une zone économique spéciale tel qu'il est déterminé par les règlements;
- 5° Interdire ou restreindre les activités dans une zone économique spéciale selon les dispositions légales y relatives;
- 6° Réglementer, superviser et suivre toutes les zones économiques spéciales et s'assurer que la disponibilité des infrastructures aux zones économiques spéciales respecte les règlements;
- 7° Déterminer les types de licences applicables dans les zones et les frais y correspondant par voie de règlements ;
- 8° Déterminer des critères additionnels pour la sélection des utilisateurs de zones éligibles quand c'est possible par voie de règlements;

Official Gazette n°11bis of 12/03/2012

- 9° Gushyiraho ibihano ku banyuranya n'ibiteganwa cyangwa abakora ibyaha hakurikijwe amabwiriza;
- 10° Guteza imbere mu buryo bungana Zone zihariye mu by'ubukungu za leta n'iz'abikorera hagati y'abashobora kuzikorera nta nzitizi ku bushobozi bw'uwubaka cyangwa ucunga mu rwego rwo guteza imbere zone yihariye mu by'ubukungu bireba;
- 11° Kubika amakuru yerekeye imikorere ya buri Zone yihariye mu by'ubukungu kimwe n'imikorere y'abubaka za Zone zihariye mu by'ubukungu, abazicunga n'abazikorera;
- 12° Gutanga ibyemezo by'inkomoko ku bicuruzwa ibyo ari byo byose byapakiriwe muri Zone zihariye mu by'ubukungu hakurikijwe amabwiriza akurikizwa;
- 13° Gukora ibindi byose bijyanye cyangwa byatuma intego za SEZAR zigerwaho cyangwa ikoresha ububasha bwayo ihabwa n'Itegeko n'amabwiriza bigenga ahantu hihariye mu by'ubukungu;
- 9° To impose penalties, or sanctions for any violations or infractions, according to the Regulations;
- 10° To promote equally both public and private Special Economic Zones among potential Users of Special Economic Zones without restricting the ability of a Developer or Operator to promote the related Special Economic Zone;
- 11° To maintain records on the performance of each Special Economic Zone, as well as on the performance of Developers, Operators and Users of Special Economic Zones;
- 12° To issue certificates of origin for any goods shipped from a Special Economic Zones in accordance with the applicable Regulations;
- 13° To do all such other acts as may be incidental or conducive to the attainment of the objectives of the SEZAR or the exercise of its powers under Law and Regulations regulating the Social Economic Zones;
- 9° Imposer des pénalités ou des sanctions pour toute violation ou infractions, selon les règlements ;
- 10° Promouvoir de façon égale les zones économiques spéciales dans le secteur public et privé parmi les utilisateurs des zones économiques spéciales sans restreindre la possibilité pour un promoteur ou un exploitant de promouvoir une zone économique spéciale y relative;
- 11° Garder les données sur la performance de chaque zone économique spéciale ainsi que sur la performance des promoteurs, exploitants et les utilisateurs des zones économiques spéciales ;
- 12° Emettre des certificats d'origine pour toutes les marchandises embarquées à partir des zones économiques spéciales en vertu des dispositions applicables;
- 13° faire tous les autres actes accessoires ou conduisant à la réalisation des objectifs du SEZAR ou l'exercice de ses pouvoirs en vertu de la loi et règlements régissant les zones économiques spéciales;

14° Gushyiraho *One stop Center* igomba kuyoborwa hakurikijwe amabwiriza;

15° Kugirana amasezerano aho biri ngombwa n'inzego za Leta bireba zifite ububasha bwo gushyiraho amabwiriza ku hantu hashyirwa zone ku bikorwa kugira ngo hashyirweho imirimo y'ubucuruzi igenda neza kandi y'ingirakamaro n'ibituma haturwa kugira ngo zone zishyirweho, zitunganwe, zicungwe kandi zikororwemo;

16° Gushyiraho no kwemera, ifatanyije n'inzego zivugwa mu gace ka 15° k'iki gika, ipipimo ngenderwaho by'imikorere yerekeye ubuyobozi bishyirwa mu masezerano.

14° To establish a *One Stop Center* to be administered according to the Regulations;

15° To conclude as necessary agreements with the relevant public authorities having concurrent regulatory jurisdiction over Special Economic Zone sites, operations, and activities in order to create a conducive and efficient business and residential environment for the establishment, development, operation and usage of the Zones;

16° To establish and agree, in coordination with authorities mentioned in sub paragraph 15° of this paragraph, administrative performance standards for inclusion in the agreements with these authorities.

14° Mettre sur pied un *Guichet Unique* qui doit être géré conformément aux règlements;

15° Conclure les contrats nécessaires avec autorités concernées ayant la compétence régulatrice sur les sites des Zones Economiques Spéciales sur les opérations et les activités afin de créer un environnement des affaires efficace et favorable et de résidence pour la mise en place, le développement, le fonctionnement et l'usage des Zones;

16° Déterminer et approuver en coordination avec des autorités mentionnées au point 15° du présent alinéa, les normes standards de performance pour insérer dans les contrats avec lesdites autorités.

UMUTWE WA III: IMITERERE, N'IMIKORERE BYA SEZAR

Ingingo ya 5: Imiterere rusange ya SEZAR

Imiterere rusange ya SEZAR ni iyi ikurikira:

CHAPTER III : ORGANIZATION AND FUNCTIONING OF THE SEZAR

Article 5: Organization, Management and Supervision of SEZAR

The general organization of SEZAR shall be the following:

CHAPITRE III : ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DE SEZAR

Article 5 : Organisation, gestion et supervision du SEZAR

L'organisation générale du SEZAR est la suivante :

Official Gazette n°11bis of 12/03/2012

- | | | |
|--|--|--|
| <p>1° SEZAR iyoborwa n'Umuyobozi wayo;</p> <p>2° Ibikorwa bya SEZAR bikurikiranwa n'Inama y'Ubuyobozi ishyirwaho hakurikijwe amategeko abigenga;</p> <p>3° Abakozi ba SEZAR bagengwa na sitati igenga abakozi ba Leta;</p> <p>4° Icyicaro cya SEZAR kiri mu Mujyi wa Kigali, umurwa mukuru wa Repulika y'u Rwanda. Icyicaro gikuru gishobora kwimurirwa ahandi mu Rwanda igihe bibaye ngombwa;</p> <p>5° SEZAR ishobora gushyiraho uyihagarariye kuri Zone yihariye mu by'ubukungu idasanzwe mu gihe SEZAR yumva ko uko kumushyiraho ari ngombwa, byemejwe n'inama y'ubutegetsi, kugira ngo irangize inshingano zayo z'ubuyobozi hakurikijwe Itegeko rya za Zone. Imirimo y'uwo uyihagarariye igenwa n'amabwiriza ngengamikorere ya SEZAR.</p> | <p>1° SEZAR shall be managed by its Director;</p> <p>2° The SEZAR operations shall be supervised by a Board of Directors established in accordance with relevant laws;</p> <p>3° The SEZAR personnel shall be governed by the statutes governing Rwanda public service;</p> <p>4° The head office of the SEZAR shall be situated in the Kigali City, the capital of the Republic of Rwanda. The head office may be transferred elsewhere in Rwanda if considered necessary;</p> <p>5° The SEZAR shall appoint a representative for a specific Special Economic Zone in case the SEZAR deems that such appointment is necessary, upon approval by the SEZAR Board of Directors, so as to carry out its administrative mandate under the Special Economic Zones Law. The functions of such representative shall be determined by the SEZAR internal rules and regulations.</p> | <p>1° Le SEZAR est géré par son Directeur ;</p> <p>2° Les opérations du SEZAR sont supervisées par un Conseil d'Administration établi conformément aux lois y relatives ;</p> <p>3° Le personnel du SEZAR est régi par le Statut Général de la Fonction Publique ;</p> <p>4° Le siège social du SEZAR est situé dans la Ville de Kigali, la capitale de la République du Rwanda. Le siège peut être transféré ailleurs au Rwanda s'il s'avère nécessaire ;</p> <p>5° Le SEZAR peut nommer un représentant pour une zone économique spéciale spécifique quand il le trouve nécessaire, sur approbation du Conseil d'Administration afin de mettre en exécution son mandat administratif en vertu de la loi sur les Zones économiques spéciales. Les fonctions d'un tel représentant sont déterminées par le règlement d'ordre intérieur de SEZAR.</p> |
|--|--|--|

Ingingo ya 6: Inama y'Ubuyobozi ya SEZAR

Inama y'Ubutegetsi ya SEZAR ni urwego rukurikirana imiyoborere ya SEZAR. Ifite ububasha bwose n'inshingano zo kuyobora SEZAR kugira ngo SEZAR irangize ubutumwa bwayo.

Ingingo ya 7: Abagize Inama y'Ubutegetsi

Abagize Inama y'Ubutegetsi bashyirwaho hakurikijwe amategeko abigenga. Manda yabo imara imyaka itatu (3) ishobora kongerwa.

Ingingo ya 8: Inshingano z'Inamay'Ubuyobozi ya SEZAR

Inshingano z'Inamay'Ubuyobozi ya SEZAR ni izi zikurikira:

- 1° Kurangiza inshingano zerekeye icunga rya Zone zihariye mu by'ubukungu nk'uko zigenwa n'Itegeko rya za Zone n'amabwiriza;
- 2° Kwiga no gufata ibyemezo birebana no gushyikiriza Inama y'Abaminisitiri ibyifuzo byo

Article 6 : Board of Directors

The Board of Directors of the SEZAR shall be the supervising body of the administration of the SEZAR. It shall have full power and responsibility to manage the SEZAR in order to fulfil its mandate.

Article 7: Members of Board of Directors

The members of the Board of Directors of SEZAR shall be appointed in accordance with relevant laws. Their term of office shall be three (3) years renewable.

Article 8: Responsibilities of the board of directors of the SEZAR

The responsibilities of the board of directors of the SEZAR shall be :

- 1° to perform its functions related to the operation of Special Economic Zones as determined by the Zones Law and Regulations;
- 2° to review and make decisions regarding proposals for new Special Economic Zones to be

Article 6 : Conseil d'Administration

Le Conseil d'Administration du SEZAR est l'organe chargé de superviser l'administration du SEZAR. Il a tous les pouvoirs et toutes les responsabilités de gérer le SEZAR afin que ce dernier puisse remplir sa mission.

Article 7: Membres du Conseil d'Administration

Les membres du Conseil d'Administration sont nommés conformément aux lois en vigueur. Leur mandat est de trois (3) ans renouvelable.

Article 8: Responsabilités du Conseil d'administration du SEZAR

Les responsabilités du Conseil d'administration du SEZAR comprennent notamment :

- 1° remplir ses fonctions relatives au fonctionnement des zones économiques spéciales tel que déterminé par la loi sur les Zones et les règlements ;
- 2° Réviser et faire des observations en rapport avec les propositions de nouvelles zones économiques

Official Gazette n°11bis of 12/03/2012

gushyiraho zone zihariye mu by'ubukungu nshya;	submitted to the Cabinet;	spéciales à être soumises au Conseil des Ministres ;
3° Gukurikirana no kugenzura imikorere n'ibyemezo by'ubuyobozi n'abakozi ba SEZAR;	3° to monitor and supervise the performance of and the decisions of the Head and personnel of the SEZAR;	3° Suivre et superviser l'exécution des décisions du Responsable et le personnel du SEZAR ;
4° Gutanga icyerekezo cyerekeye gahunda za SEZAR;	4° to provide the strategic vision of the SEZAR;	4° Donner une vision stratégique du SEZAR ;
5° Kwemeza amabwiriza ngenga mikorere ya SEZAR;	5° to approve the internal rules and regulations of the SEZAR;	5° Approuver les règlements d'ordre intérieur du SEZAR ;
6° Kwemeza ingengo y'imari mbere y'uko ishyikirizwa inzego bireba;	6° To approve the annual budget proposal before it is transmitted to the relevant authorities;	6° Approuver le projet de budget annuel avant sa transmission aux autorités compétentes ;
7° Gusuzuma imikorere ya SEZAR hakurikijwe gahunga y'ibikorwa n'ingengo y'imari;	7° To examine the performance of the SEZAR in accordance with the plan of action and the budget;	7° Examiner la performance du SEZAR en vertu du plan d'action et du budget ;
8° Kwemeza raporo z'imari za SEZAR za buri mwaka;	8° To approve the financial reports of the SEZAR on an annual basis; and	8° Approuver les rapports financiers du SEZAR annuellement ; et
9° Gutanga imirongo ngenderwaho n'inama ku bayobozi n'abakozi ba SEZAR.	9° To offer guidance and advice to the administration and staff of the SEZAR.	9° Donner des lignes de guide et conseils à l'administration et au personnel du SEZAR.

Ingingo ya 9: Umuyobozi wa SEZAR

Umuyobozi wa SEZAR ashinzwe gukora imirimo yo gucunga SEZAR buri muni. Niwe uhagarariye SEZAR byemewe n'amategeko kandi atanga raporo mu Nama y'ubuyobozi cyangwa ku rwego rukurikirana uko ibyemezo bishyirwa mu bikorwa.

Ingingo ya 10: Inshingano zihariye z'umuyobozi

Inshingano zihariye z'umuyobozi zirimo:

- 1° Kurangiza inshingano zerekeye imiyoborere ya za Zone zihariye mu by'ubukungu;
- 2° Gutanga amabwiriza yo gukora gahunda y'akazi ka SEZAR n'iy'amashami yayo;
- 3° Gutegura no gushyikiriza Inama y'ubuyobozi umushinga wa gahunda y'ibikorwa n'umushinga w'ingengo y'imari bya buri mwaka ujyana n'umusoro na raporo yerekeye imari y'umwaka

Article 9: Director of SEZAR

The Director of the SEZAR shall be in charge to provide the daily management of the SEZAR. He/she shall act as legal representative of the SEZAR and shall report to the Board of Directors or the supervisory body on how its resolutions are implemented.

Article 10: Specific responsibilities of the Director

Specific responsibilities of the Director shall include the following:

- 1° To perform SEZAR's functions related to the administration of Special Economic Zones;
- 2° To issue administrative directives for carrying out the work program for SEZAR and all of its branches;
- 3° To prepare and transmit to the Board of Directors a draft plan of action and budget proposal for each fiscal year and financial report for the previous fiscal year;

Article 9 : Directeur de SEZAR

Le Directeur de SEZAR est chargé de sa gestion quotidienne. Il agit comme Représentant Légal du SEZAR et transmet ses rapports au Conseil d'Administration ou à l'organe de supervision sur les modalités de mettre en exécution ses résolutions.

Article 10: Attributions spécifiques du Directeur

Les attributions spécifiques du Directeur comprennent :

- 1° Accomplir des fonctions relatives à l'administration des zones économiques spéciales;
- 2° Emettre des directives administratives pour mettre en exécution le programme de travail du SEZAR et de toutes ses branches;
- 3° Préparer et transmettre au Conseil d'Administration le projet de plan d'action et le projet de budget pour chaque année fiscale ainsi que le rapport financier pour l'année fiscale précédente ;

werekeye umusoro ubanza;

4° Gushyira mu bikorwa ingengo y'imari ya SEZAR no gucunga umutungo wayo hakurikijwe amabwiriza;

5° Kureba ishyirwaho n'imikorere y'abakozi ba SEZAR hakurikijwe amabwiriza;

6° Kumenyesha mu nyandiko Inama y'ubutegetsi ibikorwa n'imikorere ya SEZAR nibura rimwe mu mwaka.

4° To execute the SEZAR budget and manage its resources in accordance with the Regulations;

5° To ensure the appointment and performance of the employees of the SEZAR in accordance with the Regulations; and

6° To inform, in writing, the Board of Directors of the activities and the performance of the SEZAR at least once a year.

4° Exécuter le budget du SEZAR et gérer ses ressources selon les règlements ;

5° S'assurer de la nomination et de la performance des employés du SEZAR selon les règlements ;

6° Informer, par écrit, le Conseil d'Administration des activités et de la performance du SEZAR au moins une fois par an.

UMUTWE WA IV: INGINGO Y'INZIBACYUHO N'IZISOZA

Ingingo ya 11: Urwego rureberera SEZAR

Urwego rw'Iterambere rw'igihugu rufite uburenganzira bwo gukora ubutumwa, inshingano n'ububasha bya SEZAR by'agateganyo kugeza igihe bizemezwa ukundi.

Ishami rishya rya tekhnike rizashyirwaho muri RDB kugira ngo ricunge mu buryo bukwiye

CHAPTER IV: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS

Article 11: SEZAR supervisory body

Rwanda Development Board is entrusted to assume all the mandate, responsibilities and powers of the SEZAR on an interim basis until it is decided otherwise.

A new technical department will be created within RDB to take care of proper daily

CHAPITRE IV : DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES

Article 11: Organe de supervision su SEZAR

L'Office Rwandais pour la Promotion du Développement a le pouvoir d'assumer les attributions, les responsabilités et les pouvoirs du SEZAR dans la période intérimaire jusqu'à nouvel ordre.

Un nouveau département technique sera créé au sein du RDB pour s'occuper de la gestion

Official Gazette n°11bis of 12/03/2012

ibibazo bya buri muni bireba n'itunganwa rya Zone zihariye mu by'ubukungu.

management of issues related to Special Economic Zones development.

quotidienne des affaires en rapport avec le développement des Zones économiques spéciales.

Inama y'Ubutegetsi ya RDB izakora nk'Inama y'ubutegetsi ya SEZAR.

The Board of Directors of the Rwanda Development Board shall serve as the Board of SEZAR.

Le Conseil d'administration de l'Office Rwandais pour la Promotion du Développement va servir de Conseil d'Administration du SEZAR.

Ingingo ya 12 : Inzego zishinzwe ishyirwa mu bikorwa ry'iri Teka

Article 12: Authorities responsible for the implementation of this Order

Article 12 : Autorités responsables de la mise en exécution du présent arrêté

Minisitiri w'Ubucuruzi n'Inganda na Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi basabwe kubahiriza iri teka.

The Minister of Trade and Industry and the Minister of Finance and Economic Planning, are entrusted with the implementation of this Order.

Le Ministre du Commerce et de l'Industrie et le Ministre des Finances et de la Planification Economique sont chargés de l'exécution du présent arrêté.

Ingingo ya 13 : Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Article 13: Repealing provision

Article 13 : Disposition abrogatoire

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranye n'iri teka zivanyweho.

All prior provisions contrary to this Order are hereby repealed.

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

Ingingo ya 14 : Igihe iri teka ritangirira gukurizwa

Article 14: Commencement

Article 14 : Entrée en vigueur

Iri teka ritangira gukurizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, kuwa 05/03/2012

Kigali, on 05/03/2012

Kigali, le 05/03/2012

(sé)

Dr HABUMUREMYI Pierre Damien
Minisitiri w'Intebe

(sé)

KANIMBA François
Minisitiri w'Ubucuruzi n'Inganda

**Bibonwe kandi bishyizweho I kirango cya
Repubulika**

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Minisitiri w'Ubutabera / Intumwa Nkuru ya
Leta

(sé)

Dr HABUMUREMYI Pierre Damien
Prime Minister

(sé)

KANIMBA François
Minister of Trade and Industry

**Seen and sealed with the Seal of the
Republic:**

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Minister of Justice/ Attorney General

(sé)

Dr HABUMUREMYI Pierre Damien
Premier Ministre

(sé)

KANIMBA François
Ministre du Commerce et de l'Industrie

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Ministre de la Justice/ Garde des Sceaux

ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N°22/03 RYO KUWA 05/03/2012 RYEMERERA UMUYOBOZI W'ISHAMI RISHINZWE KURWANYA AKARENGANE, RUSWA N'IBYAHA BIYISHAMIKIYEHO MU RWEGO RW'UMUVUNYI GUHAGARIKA AKAZI MU GIHE KITAZWI	PRIME MINISTER'S ORDER N°22/03 OF 05/03/2012 GRANTING A LEAVE OF ABSENCE FOR NON SPECIFIC PERIOD TO THE DIRECTOR OF FIGHT AGAINST INJUSTICE, CORRUPTION AND RELATED MALPRACTICES IN THE OFFICE OF THE OMBUDSMAN	ARRETE DU PREMIER MINISTRE N°22/03 DU 05/03/2012 PORTANT MISE EN DISPONIBILITE DU DIRECTEUR DE LUTTE CONTRE L'INJUSTICE, LA CORRUPTION ET LES INFRACTIONS CONNEXES AU SEIN DES SERVICES DE L'OMBUDSMAN
---	--	---

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

Ingingo ya mbere: Guhagarika akazi mu gihe kitazwi

Article One: Leave of Absence for non specific period

Article premier : Mise en disponibilité

Ingingo ya 2 : Abashinzwe kubahiriza iri teka

Article 2 : Authorities responsible for the implementation of this Order

Article 2 : Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté

Ingingo ya 3 : Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Article 3: Repealing provision

Article 3 : Disposition abrogatoire

Ingingo ya 4 : Igihe iri teka ritangira gukurikizwa

Article 4 : Commencement

Article 4 : Entrée en vigueur

ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N°22/03 RYO KUWA 05/03/2012 RYEMERERA UMUYOBOZI W'ISHAMI RISHINZWE KURWANYA AKARENGANE, RUSWA N'IBYAHA BIYISHAMIKIYEHO MU RWEGO RW'UMUVUNYI GUHAGARIKA AKAZI MU GIHE KITAZWI

PRIME MINISTER'S ORDER N°22/03 OF 05/03/2012 GRATING A LEAVE OF ABSENCE FOR NON SPECIFIC PERIOD TO THE DIRECTOR OF FIGHT AGAINST INJUSTICE, CORRUPTION AND RELATED MALPRACTICES IN THE OFFICE OF THE OMBUDSMAN

ARRETE DU PREMIER MINISTRE N°22/03 DU 05/03/2012 PORTANT MISE EN DISPONIBILITE DU DIRECTEUR DE LUTTE CONTRE L'INJUSTICE, LA CORRUPTION ET LES INFRACTIONS CONNEXES AU SEIN DES SERVICES DE L'OMBUDSMAN

Minisitiri w'Intebe,

The Prime Minister,

Le Premier Ministre,

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 118, iya 119, iya 120 n'iya 201;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003, as amended to date especially in Articles 118, 119, 120 and 201;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003, telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 118, 119, 120 et 201;

Ashingiye ku Itegeko n° 22/2002 ryo kuwa 09/07/2002 rishyiraho sitati rusange igenga abakozi ba Leta n'Inzego z'Imirimo ya Leta, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 17, iya 60, iya 61, iya 62, iya 63 n'iya 64;

Pursuant to Law n° 22/2002 of 09/07/2002 on General Statutes for Rwanda Public Service, especially in Articles 17, 60, 61, 62, 63 and 64;

Vu la Loi n° 22/2002 du 09/07/2002 portant Statut Général de la Fonction Publique Rwandaise, spécialement en ses articles 17, 60, 61, 62, 63 et 64;

Asubiye ku Iteka rya Minisitiri w'Intebe n° 38/03 ryo kuwa 31/12/2007 rishyira ku myanya y'Imirimo Abayobozi b'Amashami cyangwa ba Serivisi mu Bigo bya Leta na za Komisiyo;

Having reviewed the Prime Minister's Order n° 38/03 of 31/12/2007 appointing the Directors of Units or Heads of Services in Public Institutions and Commissions;

Revu l'Arrêté du Premier Ministre n° 38/03 du 31/12/2007 portant nomination des Directeurs d'Unités ou Chefs des Services dans les Etablissements Publics et les Commissions;

Amaze kubona ibaruwa yo kuwa 02/09/2011 Bwana NSENGIYUMVA Yussuf yandikiye Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo asaba

Having considered the letter of 02/09/2011 that Mr. NSENGIYUMVA YUSSUF addressed to the Minister of Public Service and

Vu la lettre du 02/09/2011 que Monsieur NSENGIYUMVA Yussuf a adressée au Ministre de la Fonction Publique et du Travail

guhagarika akazi mu gihe kitazwi;

Labour requesting a leave of absence for non demandant une mise en disponibilité ;
specific period;

Inama y'Abaminisitiri yateranye kuwa 04/11/2011, imaze kubisuzuma no kubyemeza;

After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 04/11/2011;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 04/11/2011;

ATEGETSE:

HEREBY ORDERS:

ARRETE :

Ingingo ya mbere: Guhagarika akazi mu gihe kitazwi

Article One: Leave of Absence for non specific period

Article premier : Mise en disponibilité

Bwana NSENGIYUMVA Yussuf, Umuyobozi w'Ishami rishinzwe Kurwanya Akarengane, Ruswa n'ibyaha biyishamikiyeho mu Rwego rw'Umuvunyi yemerewe guhagarika akazi mu gihe kitazwi.

Mr. NSENGIYUMVA Yussuf, the Director of Fight against Injustice, Corruption and related Malpractices in the Office of the Ombudsman is granted a leave of absence for non specific period.

Monsieur NSENGIYUMVA Yussuf, Directeur de Lutte contre l'Injustice, la Corruption et les Infractions connexes au sein des Services de l'Ombudsman est accordé une mise en disponibilité.

Article 2: Abashinzwe kubahiriza iri teka

Article 2: Authorities responsible for the implementation of this Order

Article 2: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté

Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo na Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi basabwe kubahiriza iri teka.

The Minister of Public Service and Labour and the Minister of Finance and Economic Planning are entrusted with the implementation of this Order.

Le Ministre de la Fonction Publique et du Travail et le Ministre des Finances et de la Planification Economique sont chargés de l'exécution du présent arrêté.

Ingingo ya 3: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Article 3 : Repealing provision

Article 3 : Disposition abrogatoire

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

All prior provisions contrary to this Order are repealed.

Toutes les autres dispositions antérieures et contraires au présent arrêté sont abrogées.

Ingingo ya 4: Igihe iteka ritangira Article 4: Commencement gukurikizwa

Iri teka ritangira gukurikizwa ku muni rishyiriweho umukono. Agaciro karyo gahera kuwa 02/11/2011.

Kigali, kuwa 05/03/2012

(sé)

Dr HABUMUREMYI Pierre Damien
Minisitiri w'Intebe

(sé)

MUREKEZI Anastase
Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo

Bibonywe kandi bishyizweho I kirango cya Repubulika:

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

Article 4: Entrée en vigueur

This Order shall come into force on the date of its signature. It takes effect as of 02/11/2011.

Kigali, on 05/03/2012

(sé)

Dr HABUMUREMYI Pierre Damien
Prime Minister

(sé)

MUREKEZI Anastase
Minister of Public Service and Labour

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Minister of Justice/Attorney General

Article 4: Entrée en vigueur

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa signature. Il sort ses effets à partir du 02/11/2011.

Kigali, le 05/03/2012

(sé)

Dr HABUMUREMYI Pierre Damien
Premier Ministre

(sé)

MUREKEZI Anastase
Ministre de la Fonction Publique et du Travail

Vu et scellé du Sceau de la République :

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

ITEKA RYA MINISITIRI N°12/2012 RYO
KUWA 20/02/2012 RISHYIRAHU
URUTONDE RW'IBITEMEWE AHANTU
HIHARIYE MU BY'UBUKUNGU MU
RWANDA

MINISTERIAL ORDER N°12/2012 OF
20/02/2012 DETERMINING NEGATIVE
LIST FOR SPECIAL ECONOMIC
ZONES IN RWANDA

ARRETE MINISTERIEL N°12/2012 DU
20/02/2012 DETERMINANT LA LISTE
NEGATIVE POUR LES ZONES
ECONOMIQUES SPECIALES AU
RWANDA

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

Ingingo ya mber e : icyo iri teka rigamiye

Article One: Purpose of this Order

Article premier : Objet du présent arrêté

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Article 2: Definitions

Article 2 : Définitions

Ingingo ya 3: Urutonde rw'ibitemewe
ahantu hihariye

Article 3: Negative list for Special
Economic Zones

Article 3: Liste négative pour les zones
économiques spéciales

Ingingo ya 4: Ivanwaho ry'ingingo
zinyuranyije n'iri teka

Article 4: Repealing provision

Article 4 : Disposition abrogatoire

Ingingo ya 5: Igihe iri Teka ritangirira
gukurikizwa

Article 5: Commencement

Article 5: Entrée en vigueur

ITEKA RYA MINISITIRI N°12/2012 RYO KUWA 20/02/2012 RISHYIRAHU URUTONDE RW'IBITEMEWE AHANTU HIHARIYE MU BY'UBUKUNGU MU RWANDA

MINISTERIAL ORDER N°12/2012 OF 20/02/2012 DETERMINING NEGATIVE LIST FOR SPECIAL ECONOMIC ZONES IN RWANDA

ARRETE MINISTERIEL N°12/2012 DU 20/02/2012 DETERMINANT LA LISTE NEGATIVE POUR LES ZONES ECONOMIQUES SPECIALES AU RWANDA

Minisitiri w'Ubucuruzi n'Inganda,

The Minister of Trade and Industry,

Le Ministre du Commerce et de l'Industrie,

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 120, 121 n'ya 201;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 120, 121 and 201;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 120, 121 et 201 ;

Ashingiye ku Itegeko n° 05/2011 ryo kuwa 21/03/2011 ryerekeye ahantu hihariye mu by'ubukungu mu Rwanda cyane cyane mu ngingo yaryo ya 6;

Pursuant to the Law n° 05/2011 of 21/03/2011 regulating Special Economic Zones in Rwanda especially in Article 6;

Vu la Loi n° 05/2011 du 21/03/2011 réglant les Zones Spéciales Economiques au Rwanda spécialement en son article 6 ;

Inama y'Abaminisitiri yateranye kuwa 07/11/2011 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

After consideration and approval by the Cabinet in its session of 07/11/2011;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres en sa séance du 07/11/2011 ;

ATEGETSE:

HEREBY ORDERS:

ARRETE :

Ingingo ya mbere : Icyo iri teka rigamije

Article One: Purpose of this Order

Article premier : Objet du présent arrêté

Iri teka rishyiraho urutonde rw'ibitemewe ahantu hihariye mu by'ubukungu mu Rwanda.

This Order determines the negative list for Special Economic Zones in Rwanda.

Le présent arrêté établit la liste négative pour les Zones Spéciales Economiques au Rwanda.

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Amagambo adasobanuye ukundi mui ri teka afite ibisobanuro bimwe n'ibyo mu Itegeko n°05/2011 ryo ku wa 21/03/2011 rigenga ahantu hihariye mu by'ubukungu mu Rwanda.

Ingingo ya 3: Urutonde rw'ibitemewe ahantu hihariye

Hashyizweho urutonde rw'ibitemewe ahantu hihariye mu by'ubukungu mu Rwanda ruri ku mugereka w'iri teka.

Ingingo ya 4: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri Teka kandi zinyuranyije na ryo zivanweho.

Ingingo ya 5: Igihe iri Teka ritangirira gukurikizwa

Iri teka ritangira gukurikizwa umunsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa **20/02/2012**

Article 2: Definitions

Terms not otherwise defined in this Order shall have the same meaning as in the Law n°05/2011 of 21/03/2011 regulating Special Economic Zones in Rwanda.

Article 3: Negative list for Special Economic Zones

The negative list for Special Economic Zones in Rwanda is determined as it appears in the annex to this Order.

Article 4: Repealing provision

All prior provisions contrary to this Order are repealed.

Article 5: Commencement

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on **20/02/2012**

Article 2 : Définitions

Les termes non autrement définis dans le présent arrêté ont la même signification que dans la Loi n°05/2011 du 21/03/2011 réglementant les Zones Spéciales Economiques au Rwanda.

Article 3 : Liste négative pour les zones économiques spéciales

Il est établi une liste négative pour les zones économiques spéciales au Rwanda telle qu'elle apparaît en annexe du présent arrêté.

Article 4 : Disposition abrogatoire

Toutes dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

Article 5: Entrée en vigueur

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le **20/02/2012**

(sé)

KANIMBA François
Minisitiri w'Ubucuruzi n'Inganda

(sé)

KANIMBA François
Minister of Trade and Industry

(sé)

KANIMBA François
Ministre du Commerce et de l'Industrie

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya
Repubulika:**

**Seen and sealed with the Seal of the
Republic:**

Vu et scellé du Sceau de la République :

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Minisitiri w'Ubutabera /Intumwa Nkuru ya
Leta

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Minister of Justice/Attorney General

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

**UMUGEREKA W'ITEKA RYA MINISITIRI
N°12/2012 RYO KUWA 20/02/2012
RISHYIRAHU URUTONDE
RW'IBITEMEWE AHANTU HIHARIYE MU
BY'UBUKUNGU MU RWANDA**

**ANNEX TO THE MINISTERIAL ORDER
N°12/2012 OF 20/02/2012 DETERMINING
NEGATIVE LIST
FOR SPECIAL ECONOMIC ZONES
IN RWANDA**

**ANNEXE A L'ARRETE MINISTERIEL
N°12/2012 DU 20/02/2012 DETERMINANT
LA LISTE NEGATIVE POUR LES ZONES
ECONOMIQUES SPECIALES AU RWANDA**

Urutonde rw'ibicuruzwa bibujijwe hakurikijwe Itegeko rya EAC ry'Imicungire ya za Gasutamo :

List of prohibited goods under the EAC Customs Management Act:

Liste des Marchandises prohibées en vertu de la Loi de l'EAC sur l'Administration des Douanes :

IBICURUZWA BIBUJIJWE

PROHIBITED GOODS

LES MARCHANDISES PROHIBEES

Ibicuruzwa byose bivugwa mu itegeko ry'Umuryango w'Afurika y'Iburasirazuba (EAC) ku micungire ya za Gasutamo.

All goods prohibited under the East African Community (EAC) Customs Management Act.

Toutes les marchandises prohibées en vertu de la loi de la Communauté d'Afrique de l'Est (EAC) sur l'administration des douanes.

Amafaranga atari yo n'inoti z'inyiganano, ibiceri n'andi mafaranga yose atari ku bipimo ngenderwaho byashyizweho mu buremere cyangwa mu mishushanyirize.

False money and counterfeit currency notes, coins and any money not being of the established standard in weight or fineness.

Fausse monnaie et billets contrefaits ainsi que toute pièce de monnaie ne respectant pas les normes établies quant au poids et à la finesse.

Ibikoresho byerekana imibonano mpuzabitsina byo mu itangazamakuru iryo ari ryo ryose, ibishushanyo byacapwe biteye isoni cyangwa nyandagazi, ibitabo, amakarita, ibicapwe ku mabuye cyangwa ku byuma cyangwa ibindi bishushanyo, n'izindi nyandiko zose ziteye isoni cyangwa nyandagazi.

Pornographic materials in all kinds of media, indecent or obscene printed paintings, books, cards, lithographs or other engravings, and any other indecent or obscene articles.

Le matériel pornographique dans toutes sortes de média, les tableaux imprimés indécents ou obscènes, les livres, cartes, lithographies ou autres gravures et tous autres articles indécents ou obscènes.

Ibibiriri birimo fosifori y'umweru.

Matches containing white phosphorous.

Allumettes contenant du phosphore blanc.

Inyandiko iyo ariyo yose yakozwe nta bubasha bukwiye ifite ibirango by'ubutegetsi cyangwa

Any article made without proper authority with the Armorial Ensigns or Court of Arms of a

Tout article fait sans l'autorité appropriée ayant les Emblèmes d'Armoiries ou les Armoiries de la

Official Gazette n°11bis of 12/03/2012

by'Igihugu kigize Umuryango wa EAC cyangwa bifite icyo kirango cyangwa ibimenyetso bisa cyane na byo.	Partner State or having such Ensigns or Arms so closely resembling them.	Cour d'un Pays Membre ou ayant de tels Emblèmes ou Armoiries d'une ressemblance très proche d'eux.
Ibinyobwa byayunguruwe bihumuramo akomoka ku bimera cyangwa ibicuruzwa by'ubutabire byangiza ubuzima, harimo <i>thijone, salicylic esters, hyssop</i> na <i>absinthe</i> . Haseguriwe ko muri iki gika ntakirimo kireba ibinyobwa bikaze byitwa 'Anise na <i>Anisette</i> 'zitarengaje 0.1 ku ijana by'amavuta ya <i>anise</i> kandi zakozwe muri <i>pimpinelle anisum</i> cyangwa <i>star arise allcium verum</i> .	Distilled beverages containing essential oils or chemical products, which are injurious to health, including thijone, star arise, benzoic aldehyde, salicylic esters, hyssop and absinthe. Provided that nothing in this paragraph contained shall apply to "Anise and Anisette" liquors containing not more than 0.1 per centum of oil of anise and distillates from either pimpinella anisum or the star arise allcium verum.	Les boissons distillées contenant les huiles essentielles ou les produits chimiques qui sont dangereux pour la santé y compris les thijone, star arise, benzoic aldehyde, salicylic esters, hyssop et absinthe. Il est prévu que rien dans ce qui est contenu dans ce paragraphe ne s'applique au liqueur « Anise et Anisette contenant pas plus que 0.1 pour cent de l'huile d'anise et distillés du pimpinelle anisum ou star arise allcium verum.
Imiti y'ibiyobyabwenge hakurikijwe igenzura mpuzamahanga.	Narcotic drugs under international control.	Les médicaments narcotiques sous le contrôle international.
Imyanda yakwangiza ubuzima n'ijugunywa ryayo nk'uko biteganwa n'amasezerano abigenga.	Hazardous wastes and their disposal as provided for under the base conventions.	Déchets toxiques et leur évacuation tel que prévu par les conventions de base
Ibicuruzwa by'amasabune n'ibindi bisukura birimo mercure.	Soaps and cosmetic products containing mercury.	Les savons et produits cosmétiques contenant du mercure.
